

DISCOVER

ITS BEAUTY

Igice 3

ALLAH

(IMANA IMWE Y'UKURI)

AMAZINA
YE MEZA MATAGATIFU

DR. NAJI IBRAHIM



**Ku izina rya Allah,
Nyirimpuhwe Nyirimbabazi**

Allah (Imana imwe y'ukuri) Amazina ye meza matagatifu

Qur'an yubahitse n'umuhanuzi Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) batwigishije ibyerekeye amazina ya Allah Imana imwe y'ukuri. Urugero Qur'an iravuga iti:

“Kandi Allah afite amazina meza, bityo muje muyifashisha mumusaba, kandi munitandukanye na ba bandi bakerensa (bubahuka ubutagatifu bw'amazina ye). Bazahanirwa ibyo bakoraga.” (Qur'an 7: 180).

Iyo dusabye Allah, dushishikarizwa kumuhamagara mu mazina ye meza cyangwa izina rye rifitanye isano n'ibyo dusaba cyangwa dukeneye. Urugero niba icyifuzo cyacu cyerekeranye n'ibyo du-cyeneye mu buzima, dushobora kumuhamagara dukoresheje izina **Al-Razzaq**, ugaba amafunguro. Aya mazina ntagamije kwerekana ko Allah arenze umwe, ahubwo yose aranga Allah, Imana imwe y'ukuri.

Twe abantu ntidushobora na rimwe gusobanukirwa ubukuru bwa Allah n'ubuhambare bwe, ariko buri uko turushaho kumumenya no kumenya ibimushimisha, niko turushaho kumukunda no kumugar-agira bikwiye.

Kwiga Allah binyuze mu kwiga no gusobanukirwa amazina ye n'ibigwi bye, bituzanira amahoro mu mitima muri ubu buzima ndetse nubuzaza, kubera ko twemera ko ibintu byose biri mu maboko ye kandi bibaho kubushake bwe.


Ntibikwiye rero ko ikiremwa muntu gikoreshe amazina yihariwe na Allah wenyine. Abayisilamu akenshi bafite amazina atangirana na “Abdul” bisobanuye “umugaragu”, ayo mazina agakurikirwa na rimwe mu mazina ya Allah. Nk'izina ‘Abdullah’ risobanura ‘umugaragu wa Allah’, ‘Abdul Rahman’ risobanura ‘umugaragu wa Nyirimpuhwe’ n'andi.



Kumenya byinshi ku mazina y'Imana yacu y'ukuri (Allah), no kumwizera no kwizera amazina ye n'ibisingizo bye by'ukuri, bituma igihe cyose tuzirikana, dukora cyangwa se dusabana n'abandi;

Biduha kumenya kandi ko allah ari Nyirimpuhwe zihebuje, Nyirimbabazi nyinshi, Umunyabuntu, Umumenyi wa byose, Ubona byose, Ubabarira ibyaha, Umugwaneza, Ukuri.

Ni ingenzi cyane gushyira mu bikorwa no mu buzima bwacu bwa buri muni ibi bisingizo bya Allah.



Al Salam

السلام

Ni we soko y'amahoro no gutungana.
Ibihe byose ahora atunganye, ntabwo
arangwa n'ibiranga abantu nko kurwara,
gusonza, kugira inyota, cyangwa imbeho .

Amazina meza ya Allah

Aya ni amwe mu mazina meza ya Allah ari mu rurimi rw'icy-arabu n'ibisobanuro byayo:

ALLAH: Ni izina bwite ry'Imana imwe y'ukuri.

AL-RAHMAN: *Nyirimbabazi zagutse, Nyirubuntu, We impuhwe ze n'imbabazi bye zigera ku biremwa byose.*


AL-RAHEEM: Nyirimpuhwe nyinshi. Mu gihe tudashobora na rimwe kwegera imbabazi zayo, dushobora kuzemera no kugerageza uko dushoboye kugira ngo tube abanyembabazi ku bandi.

AL MALIK: Nyagasani, Umwami Nyirubutware, ufite ububasha busesuye mu ijuru no mu isi.

AL NOOR: Umucyo, Urumuri, ni we utumurikira kandi akatuyobora. Mu gice cya Qur'an cyitwa A-NUUR, Allah aragira ati: ***"Allah ni Urumuri rw'ibirere n'isi..."*** (Qur'an 24: 35)

ALQUDDOOS: Nyirubutagatifu, Nyirubutungane, Utangaimigisha.

AL -SALAM: Ni we soko y'amahoro no gutungana. Ibihe byose ahora atunganye, ntabwo arangwa n'ibiranga abantu nko kurwara, gusonga, kugira inyota, cyangwa imbeho.



Ar-Razzaq

الرَّزَّاقُ

Utanga umutekano no kuyoboka kuri buri cyose gifite ubuzima. Buri wese muri twe azahabwa ibyo yandikiwe, ariko tugomba kubikorera mu buryo bwemewe bidaturutse mu burakari cyangwa mu nzira zitemewe ndetse na ruswa.

Amazina meza ya Allah (birakomeza)

AL-BASEER: Ubona byose, abona ibibera mu isi yose ndetse no mu isanzure.

AL-SAMEE: Uwumva byose, yumva byose iyo tumuhamagaye cyangwa se tumusingiza, aratwumva.


AL ADHEEM: Nyirubuhambare, ukomeye uruta buri kintu na buri wese mu byo yaremye.

AL-GHAFOOR: Ubabarira bose, ahora ababarira abamwicuujeho bakamugarukira

AL-TAWWAB: Uwakira ukwicuza kw'abagaragu be. Allah akunda abanyabyaha bamukosoreza ariko bakicuza, kandi ahora yakira akemera kwihana bivuye ku mutima kw'abamucumuraho. Mu buryo butandukanye, abantu ndetse n'abatwegereye hari aho bigera bakarambirwa amakosa yacu no gusaba imbabazi kwacu, ariko kuri We si uko biri.

AL-ALI: Uwikirenga mu rwego rwo hejuru cyane, Usumba byose, Uri hejuru y'ibyo yaremye.

AL-WADOOD: Ukunda cyane, akunda abakiranutsi kandi bumvira banicisha bugufi, kandi akatugaragariza urwo rukundo mu buzima bwacu bwa buri munsu. Tugomba natwe kugaragaza urwo rukundo adukunda, kandi tugakunda abandi, tubifuriza nk'ibyo twiyifuriza.



Al-Wadood

الودود

Ukunda cyane, akunda abakiranutsi
kandi bumvira banicisha bugufi, kandi
akatugaragariza urwo rukundo mu buzima
bwacu bwa buri muni. Tugomba natwe
kugaragaza urwo rukundo adukunda,
kandi tugakunda abandi, tubifuriza nk'ibyo
twiyifuriza.

Amazina meza ya Allah (birakomeza)

Al-Hakam: Umucamanza, uwo urubanza rwe ruba rwuje ubutabera, ruri mu kuri, kandi rudashobora guhungwa.

Al-Aleem: Umumenyi uzi byose, azi ibigaragara byose n'ibitaragara byaba mu bihe byashize, iby'ubu ndetse n'ibyo mu gihe kizaza. **“..ndetse nta n'ikibabi gihanuka usibye ko aba akizi.”** (Qur'an 6:59)

Al-Raof: Umunyabuntu, Nyirubwitonzi bwa cyane, uwo impuhwe ze n'imbabazi ze bitagira imipaka.

Al-Razzaq: Utanga umutekano no kuyoboka kuri buri cyose gifite ubuzima. Buri wese muri twe azahabwa ibyo yandikiwe, ariko tugomba kubikorera mu buryo bwemewe bidaturutse mu burakari cyangwa mu nzira zitemewe ndetse na ruswa.

Al Haqq: Ukuri, Imana imwe y'ukuri, amagambo yayo ni ukuri. Kugira ngo tumenye ko Allah arwanya ibinyoma ndetse atabyemera, tugomba guharanira kuvumbura no gushyigikira ukuri mu byo tuvuga byose no mu byo dukora byose, uko kuri kwaba kutwerekeyeho cyangwa se kuturwanya.

Al-Haleem: Uwihangana, Udahubuka, kandi utihutira guhana abanyabyaha n'abamuhakana cyangwa batamwemera. Allah yirengagiza amakosa yacu, kandi tugomba guharanira kubikora kimwe n'abadukikije kuko mu by'ukuri abafite inzika baba bibabaza gusa!



Al-Mojeeb



Uwumva abamusaba ndetse
akanakira ubusabe bwabo no
kwicuza kwabo.

Ibigwi n'ibiranga Allah (Imana)

Bimwe mu bigwi n'ibiranga Allah, Imana imwe yonyine y'ukuri bikamutandukanya n'izindi bavuga ko ari Imana, ni ibi bikurikira:

- Imana imwe y'ukuri irihariye ukurikije ibigwi byayo ndetse n'ibiyiranga. Nta na kimwe ndetse nta n'umwe umeze nka yo, kandi nta na kimwe mu biranga abantu cyangwa inyamaswa bishobora kuyiranga.
- Iyi Mana y'ukuri niyo Muremyi, bityo ntabwo yaremwe cyangwa se ngo ibe yarabyawe.
- Imana imwe y'ukuri niyo yaturemye kugira ngo ibe ari yo dusenga yonyine.
- Iyo dusenga Imana imwe yonyine, tuba twitandukanya no gusenga ibigirwamana, abatagatifu, ibyamamare, amafaranga cyangwa se ibindi byose.
- Imana nyayo ni Imana imwe; ntabwo ari eshatu cyangwa ngo zirenge, nta bafatanyabikorwa ifite ndetse ntabwo ihwanye na bo.
- Allah (Imana) ntashobora kubonwa n'abantu cyangwa se ibindi biremwa muri ubu buzima.
- Allah (Imana) ntajya yigaragaza mu ishusho mu buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa ngo abe yasa n'icyo ari cyo cyose mu byo yaremye.
- Allah (Imana) ni Uhoraho; ntabwo ajya apfa cyangwa se ngo ahinduke.
- Allah (Imana) nta cyo ari cyo cyose cyangwa se uwo ari we wese nk'umubyeyi, umugore, cyangwa se umwana; nta n'ubwo akeneye ibiribwa cyangwa ibinyobwa cyangwa ubufasha ubwo ari bwo bwose, ahubwo ibindi bitari we ni byo bimukeneye.

Ibi bigwi n'ibi bisingizo ndetse n'ibindi bimuranga dushobora kubikoresha dusuzuma undi wese cyangwa ikindi cyose bitirira kuba Allah (Imana).

Waba ufite amatsiko?

Niba ufite amatsiko ukaba unanyotewe no kumenya byinshi kuri Isilamu mu buryo burambuye, gerageza usure izi mbuga zacu zikurikira:

www.discoveritsbeauty.com

Ntutinye no kutwandikira utubaza cyangwa uduha ibitekerezo byawe kuri imeyili (e-mail):

info@discoveritsbeauty.com

IMBUGA ZA MURANDASI ZA ISLAM ZAGUFASHA:

<http://www.allahsquran.com>
<http://www.quranexplorer.com>
<http://www.islamhouse.com>
<http://www.edialogue.org>
<http://www.islamreligion.com>
<http://www.newmuslimguide.com>

URUHEREREKANE RW'UDUTABO TWA VUMBURA UBWIZA BWABWO MU MINOTA 7:

1. Agatonyanga mu nyanja
2. Idini rya Adamu na Eva
3. Byinshi kuri Islam
4. Gusubiza ibibazo by'ingenzi umuntu yibaza
5. Amazina ye (Allah) meza
6. Ubuhanuzi bwa nyuma
7. Intumwa ya nyuma

UBUHAMYA BW'UKWEMERA (AMAREMBO AKWINJIZA MURI ISLAM)

«Ndahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah».

Mu cyarabu basoma ngo:

اشهد ان لا اله الا الله واشهد ان محمدا رسول الله

Ari byo bivuga ngo:

**ACH-HADOU ALLA ILAHA ILLA ALLAH WA ACH-HADOU
ANNA MOHAMADANE RASSOULOULLAH.**



Ubu ni ubuhamya bw'ukwemera umuntu aba agomba kuvuga kugira ngo abe Umuyisilamu; bubumbiye hamwe ukuri, ubwiza n'ukoroha kwa Isilamu.

